## IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 15 GASHYANTARE 2018

Ku wa kane tariki ya 15 Gashyantare 2018 saa cyenda n'iminota makumyabiri z'amanywa (15h20') mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 24 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama BUCYANA André
6. Umujyanama GAHAMANYI Edouard.
7. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
8. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
9. Umujyanama KWIZERA KIVUYE Anitha
10. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
11. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
16. Umujyanama MUYOMBANO Aimé
17. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
18. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
19. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
20. Umujyanama RWIHUNDA Fred
21. Umujyanama UMUKUNZI Paul
22. Umujyanama UMUTONI Flora
23. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
24. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama KAMILI KAREGYE
2. Umujyanama MUGABO Anne
3. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
4. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
5. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Bwana KARAMUZI Godfrey (Ag. District Council Specialist Affairs);
2. Bwana RUSINE Alphonse (Land Surveyor & GIS);
3. Madamu BENIMANA Bernadette (Constituency Affairs Officer).

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Nyuma yo kuririmba indirimbo y'Igihugu no guha ikaze abitabiriye inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abitabiriye inama ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

1. Umushinga wo kwimura ku mpamvu z'inyungu rusange abatuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II;
2. Umushinga wa Jordan Fondation isaba ubutaka bwo kubakamo ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kugezwaho ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ko izi ngingo zasuzumwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, maze aha umwanya Perezida wa Komisiyo abagezaho ibikubiye muri raporo ya Komisiyo.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko raporo agiye kubagezaho ikubiyemo imishinga ibiri bagaragarijwe ku murongo w'ibyigwa Komisiyo yasuzumye, maze abagezaho imiterere ya buri mushinga n'icyo Komisiyo isaba Inama Njyanama.

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Umushinga wo kwimura ku mpamvu z'inyungu rusange abatuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abari mu nama ko uyu Umushinga wo kwimura ku mpamvu z'inyungu rusange abatuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II, atari ubwa mbere abagize Inama Njyanama bawugezwaho, kuko mu nama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 11.12.2017 yawusuzumye ikawushima igasaba ko wanozwa hakubahirizwa ibiteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, kuko hari ingingo zitari zubahirijwe.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu asobanura ko ibiteganywa n'Itegeko tumaze kuvuga byaburaga kuri uyu mushinga byakozwe nk'uko byagaragajwe mu nyandiko Komisiyo yagejweho na Komite Nyobozi y'Akarere zirimo inyandikomvugo z'inama Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'uw'Akarere bagiranye n'abaturage bazimurwa bo mu Midugudu yavuzwe haruguru n'ibitabo bikubiyemo urutonde rw'abaturage bafite uburenganzira kuri ubwo butaka cyangwa ku mitungo iri kuri ubwo butaka bungana na hegitari 26 zizakorerwa umushinga ndetse, n'imiterere y'ibiri kuri ubwo butaka.

Ikindi Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yabwiye abari mu nama ko Komisiyo yatumiye umufatanyabikorwa kuri uyu mushinga Bwana KARERA Denis mu nama ya Komisiyo

JB.

y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yateranye ku wa 12/02/2018, barebera hamwe ibyari byasabwe n'Inama Njyanama byaburaga muri uwo mushinga, basanga byarakozwe kandi bizubahirizwa.

Perezida wa Komisiyo yamenyesheje abari mu nama ko ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga rizatwara Miriyoni 57 z'amadolari y'Amerika (57,000,000 USD), igenagaciro ryakozwe ryo kwimura abantu rikaba rigera kuri 13,169,079,935 z'amafaranga y'u Rwanda, habariwemo amafaranga 5 % ateganywa n'itegeko ryavuzwe haruguru ingingo yaryo ya 28 y'ihungabana riterwa no kwimurwa. Yagaragaje ko hazimurwa imiryango igera ku 1496 (abafite ibyangombwa bw'ubutaka ni 1250 abandi 246 ntabyo bafite kuko batuye mu gishanga). Perezida wa Komisiyo yasobanuye kandi ko abazimurwa mu Midugudu ya Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II bazatuzwa mu mazu aciriritse agezweho (affordable houses agera kuri 780 (G+1&II) azubakwa mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe mu Kagari ka Busanza, akazatangwa nk'ingurane z'imitungo y'abimuwe, nyuma y'ubwumvikane busesuye hagati y'impande zose, hakurikijwe igenagaciro ry'umutungo buri wese yari asanganywe. Mu gihe cyo kwimurwa abatazemera ingurane z'inzu bazahabwa indishyi ikwiye nk'uko biteganywa n'itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015, mu ngingo yaryo ya 35 ivuga ko: Indishyi ikwiye ishobora kuba amafaranga y'u Rwanda, cyangwa ubundi buryo bwumvikanyweho hagati y'uwimura n'uwimurwa. Kugira ngo iyimurwa ryemerwe, indishyi ikwiye ihabwa uwimurwa igomba kurihwa mbere y'uko yimuka. Komisiyo igasaba ko hazabaho amasezerano yihariye azaba hagati y'abazahitamo ingurane y'inzu kugirango bitazanyuranya n'ingingo ya 36 y'iri tegeko ivuga igihe uwimurwa agomba kuba yamaze guhabwa indishyi ikwiye.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasobanuye kandi ko nyuma yo kwimurwa kw'abantu batuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali (Master plan) ari naryo shingiro ry'uyu mushinga, Umushoramari GC Investment abinyujije mu mushinga SAVANNAH CREEK RESIDENTIAL HOUSING izubakamo amazu y'ikitegererezo agera kuri 600 (appartements) agezweho.

Perezida wa Komisiyo asoza asaba Inama Njyanama kwemeza ko uyu mu mushinga ari igikorwa cy'inyungu rusange, akaba asaba Inama Njyanama ko yakwemeza uyu mushinga nk'igikorwa cy'inyungu rusange mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu Umushinga wo kwimura ku mpamvu z'inyungu rusange abatuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo I na Kangondo II, bashimye uyu mushinga ko uje gufasha Akarere gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali, aho abaturage bari batuye mu buryo bw'akajagari ndetse bamwe bari no mu gishanga maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 14.01.213**

Hashingiye ku biteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko, umushinga wo kwimura abantu batuye mu Mudugudu wa Kibiraro I, Kangondo ya I na Kangondo ya II ari igikorwa cy'inyungu rusange, yemeza kandi ko abantu bafite imitungo ahazakorerwa uyu mushinga (SAVANNAH CREEK) bazimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange, bakazahabwa indishyi ikwiye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro Nº 14.02.214**

Bitabangamiye ibiteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko hazakorwa amasezerano yihariye azaba hagati y'uwimurwa (abazahitamo indishyi ikwiye y'inzu) n'uwimura y'igihe iyimurwa rizabera kugirango bitazanyuranya n'ingingo ya 36 y'tegeko ryavuzwe haruguru ivuga igihe uwimurwa agomba kuba yamaze guhabwa indishyi ikwiye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

<u>Ingingo ya cumi</u>: **Umushinga wa Jordan Fondation isaba ubutaka bwo kubakamo ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yasuzumye Umushinga wa Jordan Fondation isaba ubutaka bwo kubakamo ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona, watekerejwe na Madamu BAHATI Vanessa nyuma yo kubyara umwana ufite ubumuga bwo kutabona. Ubu uyu mushinga ukaba ukorera mu rugo rwe aho yamaze kwakira abana bagera kuri makumyabiri (20), ariko akaba ashaka kwagura aho akorera akubaka ishuri ry'ikitegererezo ryihariye ryakongerera ubumenyi abo bana kandi akongera n'umubare w'abana bafite ubumuga bwo kutabona azitaho mu buryo bunoze kurushaho kuko abana bagenda biyongera.

Ikindi Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko uwashinze Jordan Fondation yagereye Ubuyobozi bw'Akarere abagezaho umushinga wo kubakira abana bafite ubumuga bwo kutabona ishuri ryihariye rizajya ribafasha, maze Ubuyobozi bw'Akarere busanga uyu mushinga ugamije guteza imbere Imibereho Myiza y'abaturage cyane cyane abafite ubumuga bwo kutabona, bityo hashakwa ubutaka bufite ubuso bungana hegitari imwe (1ha), buboneka mu Murenge wa Rutunga, Akagari ka Kigabiro, hagendewe ku igenagaciro ryakozwe ubu butaka bufite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 25,000,000 kandi Jordan Fondation yemera ko yashobora kuyishyura.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu avuga ko Komisiyo imaze kubona uyu mushinga wo kubaka ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona, yasanze ari igikorwa cy'indashyikirwa Madamu BAHATI Vanessa washinze Jordan Fondation yakoze, kandi ko ari igikorwa cy'inyungu rusange, Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu isaba Inama Njyanama kwemeza uyu mushinga nk'igikorwa cy'inyungu rusange, ariko hakazishyurwa ingurane y'amafaranga y'u Rwanda 25,000,000 y'agaciro k'icyo kibanza kizakorerwamo umushinga.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho umushinga wa Jordan Fondation wo kubaka ishuri y'abana bafite ubumuga bwo kutabona bamaze gusuzuma ibiteganywa n'Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo yaryo ya ya 5, igaragaza urutonde rw'ibikorwa by'inyungu rusange akarongo ka 15, yemeje imyanzuro ikurikira:

JB

**Umwanzuro Nº 14.03.215**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye ku Itegeko no 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange mu ngingo yaryo ya 5, igaragaza urutonde rw'ibikorwa by'inyungu rusange ku karongo ka 15, yemeje ko umushinga wa Jordan Fondation wo kubaka ishuri ry'abana bafite ubumuga bwo kutabona uzakorerwa mu Murenge wa Rutunga, Akagari ka Kigabiro mu kibanza gifite UPI 1/02/15/06/4575 ari umushinga w'inyungu rusange, isaba ko Jordan Fondation izatanga ingurane ihwanye n'igenagaciro ryakozwe kuri ubwo butaka izakoreraho umushinga.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro Nº 14.04.216**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kuzagirana amasezerano na Jordan Fondation yo kutazagurisha ubutaka cyangwa ngo ihindure umushinga wemejwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

Inama Njyanama yari yatangiye saa cyenda n'iminota makumyabiri z'amanywa (15h20') yashoje imirimo yayo saa kumi n'imwe n'iminota icumi (17h10'), Umuyobozi w' Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 15 Gashyantare 2018

Umwanditsi w'inama:

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama:

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w' Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo